# Mu myaka 2 ishize,abo Leta yishyuriye buruse ntibarenga 15% by'abatsindiye kwiga Kaminuza.

http://www.igihe.com

***Ubushakashatsi bwakozwe n'umuryango w'urubyiruko uharanira iterambere n'uburenganzira bwa muntu AJPRODHO- Jijukirwa bugaragaza ko umubare w'abanyeshuri babasha kujya mu mashuri makuru ukiri hasi cyane, bitewe no kubura amikoro ku ruhande rwabo cyangwa se urw'ababarihirira. Ntibirangirira aho, kuko n'abo Leta ibasha kwishyurira bakiri ku mubare wo hasi cyane, dore ko impuzandengo y'imyaka ibiri (2009 – 2010) igaragaza ko batarenga cumi na batanu ku ijana (15 %).***

Nk'uko bitangazwa n'Umunyamabanga Nshingwabikorwa wa AJPRODHO, ubu bushakashatsi bwashyizwe ahagaragara mu mpera z'iki cyumweru bwakozwe hagamijwe kureba icyakorwa kugira ngo umubare w'abana babasha kugera mu mashuri makuru wiyongere. Byabaye ngombwa ko hamenyekana umubare w'abatsinda ibizamini bibemerera kuyajyamo, hakamenyekana na none ababasha kuyirihira cyangwa se kuyarihirwa, bityo inzitizi zituma umubare w'abiga amashuri makuru na za Kaminuza zikabona kumenyekana.

Ikiguzi cy'uburezi ku rwego rw'amashuri makuru na za Kaminuza cyagaragaye ko kiri hagati ya 350 000 Frw na 1 050 000 Frw, amafaranga atisukirwa n'ubonetse wese, hakaba n'abagerageza ariko ntibarenge umutaru. Mu gihe amikoro ya rubanda ari make kuri benshi mu bijyanye no kwishyura amashuri, na Leta ntibasha kwishyurira benshi.

*Imbonerahamwe ikurikira iragaragaza uko byari byifashe mu myaka ibiri ishize.*

| Umwaka w'amashuri | Abanyeshuri bakoze ikizamini cya Leta | Abatsindiye kujya mu mashuri makuru | Abo Leta yabashije kwishyurira buruse |
|---|---|---|---|
| 2009 | 42,545 | 37,643 | 5,188 = (13.7 %) |
| 2010 | 49,095 | 42,910 | 6,666 = (15.5 %) |

**AJPRODHO ibona umuti w'ikibazo waba uwuhe ?**

Mu bisubizo AJPRODHO Jijukirwa ibona bikwiye kuri iki kibazo, harimo no kuba umubare w'abarihirwa na Leta wazamuka ukikuba nibura kabiri ku gipimo cyari gisanzweho, byaba n'ibishoboka ukarengaho.

Nk'uko bigaragazwa mu cyegeranyo cy'ubushakashatsi bakoze, kugira ngo Leta ibone amafaranga yo kwishyurira benshi bisaba ko abo yarihiye mbere bose babanza bakishyura amafaranga yabatanzweho, ibi kandi bigashyirwa mu itegeko, aho abafitiye imyenda Leta muri uru rwego bakora, bakazajya bishyura binyuze ku bakoresha babo.

AJPRODHO isaba ko Ikigo cy'Igihugu cy'Uburezi (REB) cyakorana n'ibigo bya Leta bibasha kumenya aho abo yarihiye bari kugira ngo babashe kwishyura, kabone n'iyo

byanyuzwa muri Rwanda Revenue Authority cyangwa mu isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi.

Banki zirasabwa gushyiraho uburyo bw'inguzanyo zigenerwa abanyeshuri, byaba na ngombwa Leta ikaba yafata uruhare ku ngwate yasabwa abo banyeshuri bakeneye kwiga amashuri makuru na za Kaminuza.

AJPRODHO isanga hagomba kubaho uburyo busa n'ubwisungane (Mutuelle) kugira ngo abanyeshuri bafite amikoro make nabo babashe kwiga no kuminuza.

Biteganyijwe ko ubu bushakashatsi buzasangizwa inzego zose zirebwa no kunganira uburezi mu bijyanye no kongera umubare w'abanyeshuri biga mu mashuri makuru na za Kaminuza, kugira ngo ahazaza h'ababyiruka harusheho kuba heza.